


# Umukecuru Na Bakame

Sylvestre Ntabajyana
Rob Owen

Kinyarwanda

African Storybook.org



Kera habayeho
umukecuru wari umuhinzi.

Umukobwa we yaje
gushyingirwa ku mugabo
wari utuye hakurya y’uruzi.



Nuko umunsi umwe wa mukecuru ategura imyumbati, ibishyimbi n'ibikoro byiza mu nkangara maze ajya gusura umukobwa we n'umukwe we.



Akimara kwambuka uruzi,
yumva ijwi rimutegeka:
“Gutura ibyo yari yikoreye.”

Umukecuru arabaza ati:
“Uri nde?”



Rya jwi riramusubiza iti: “Ndi umwami w’ishyamba. Ntera abantu umuriro, nkabatera kuribwa mu nda, nkabatera gutitira no kuribwa umubiri wose.”

Umukecuru ashya ubwoba, ashyira igiseke hasi ariruka.



Ageze mu rugo rw’umukwe we amutekerereza ibya rya jwi ryamuteye ubwoba.

Umukwe we aramubwira ati: “Ubutaha nugaruka, uzafate inkangara ushyiremo ya mbwa yawe.”




Nyuma y'icyumweru, umukecuru yongera gutegura inkangara asubira gusura umukobwa we n'umukwe we. Akimara kwambuka uruzi, rya jwi rirongera riramubwira riti: "Shyira iyi nkangara yawe hasi. Ndi umwami w'ishyamba. Ntera abantu umuriro, nkabatera kuribwa mu nda, nkabatera gutitira no kuribwa umubiri wose."



Nuko umukecuru ashyira inkangara hasi ariruka ariko akomeza gucungira hafi ngo arebe uko biza kugenda.

Yagiye kubona abona inyamaswa iturutse munsi y'ikiraro. Kari ka Bakame!

Bakame yahise ipfundura inkangara yishimye.



Hahise hasohokamo imbwa ifite umujinya mwinshi.

Ibya Bakame biba birangiriye aho.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

Umukecuru Na Bakame

**Author** - Sylvestre Ntabajyana
**Illustration** - Rob Owen
**Language** - Kinyarwanda
**Level** - First paragraphs

© African Storybook Initiative 2017
Creative Commons: Attribution 4.0
**Source** www.africanstorybook.org